COVID-19
UKO WAHABWA URUKINGO

Ugomba guhabwa urukingo igihe ubyemerewe kugira ngo ubashe kurindwa. Igihe utabashishe gukurikiza izi ntambwe ukoresheje interineti, hamagara umurongo utishyurwa ujyanye n'iby'urukingo wa Nevada, 1.800.401.0946. Niba uri umuhanga mu bya mudasobwa ukaba uzi umuntu ushobora kugorwa n'izi ntambwe, mufashe.

INTAMBWE YA 1: SHAKA AHANTU BAKINGIRIRA

- Ahantu hose bakingirira mu gihugu cyawe hashobora kuboneka kuri nvcovidfighter.org,County-Specific page, cyangwa ugahamagara umurongo utishyurwa ujyanye n'iby'urukingo wa Nevada, 1.800.401.0946, kuva Saa Mbiri za mu gitondo kugeza Saa Mbiri za nijoro, iminsi 7 mu cyumweru (Abavuga indimi nyinshi barahari).

INTAMBWE YA 2: IYANDIKISHE KU RUBUGA WA INTERINETI

- Numara kubona ahantu bakingirira, sura urubuga rw'aho hantu kugira ngo usabe randevu.
- Ku bafite hagati y'imyaka 16 na 17, genzura ko aho hantu batanga urukingo rwa Pfizer, nirwo rwonyine rwemewe kubafite imyaka 16 no hejuru (kugeza ubu, nta rukingo ruremezwa rugenewe abari munsi y'imyaka 16).
- Ushobora gukenera kufungura konti yawe ku rubuga ugasubuza ibibazo bigendereye kureba ko wujuje ibisabwa.

INTAMBWE YA 3: HITAMO ITARIKI/IGIHE CYA RANDEVU

- Numara kwiyandikisha, shakisha randevu ihari
  - Ushobora gukomeza kugerageza ahantu hatandukanye
- Ihangane. Kubwo kwiyongera kw'inganda zikora inkingo, hazaboneka inkingo nyinshi buva aha ndetse na randevu nyinshi.

INTAMBWE YA 4: ITEGURE RANDEVU

- Niba hari ifishi, zuzuze mbere ya randevu cyangwa uhagere kare kugira ngo uzuzuze.
- Niba udashobora gusaba randevu, hagarika.

INTAMBWE YA 5: ITWAZE ICYANGOMBWA/ICYO BAKUGENZURIRAHO

- Uzakenera kwerekana icyangombwa.
- Ubuzima bwawe bwite burarinzwe.
- Amakuru ajyanye n'ubuzima bwawe bwite ntasangizwa Leta.

INTAMBWE YA 6: TEGANYA GUKINGIRWA BWA KABIRI (NIBA BIKUREBA)

- Teganya gukingirwa bwa kabiri niba uhabwa urukingo rwa Pfizer cyangwa Moderna.
- Kugira ngo ubone ubutumwa bukwibitsa gufata urukingo rwa kabiri, kora konti ya VaxText wohereza ubutumwa kuri **ENROLL to 1.833.829.8398.**
- Kugira ngo umenyeshe CDC ingaruka urukingo rwakugizeho, **fungura konti ku rubuga vsafe.cdc.gov.**

INTAMBWE YA 7: FATA URUKINGO RWA 2 (NIBA BIKUREBA)

- Niba warahawe urukingo rwa Pfizer cyangwa Moderna, ugomba guhabwa urkingo rwa 2 ku itariki yateganyijwe kugira ngo urindwe byuzuye.
- Nuhabwa urukingo rwa Janssen, uzaba wakingiwe byuzuye nyuma y'urukingo rumwe.

Shaka ahantu bakingirira
nvcovidfighter.org | 1.800.401.0946